REPUBLIC OF RWANDA

OFFICE OF THE PRIME MINISTER

Remarks by the Rt. Hon. Prime Minister
Dr. Ngirente Edouard

At the official inauguration of the new Nzove I Water Treatment Plant and the upgrading of Nzove II

Kigali, May 6th, 2019

- **Honourable Ministers,**
- **Your Excellency, the USA Ambassador to Rwanda,**
- **CEO of Culligan International East Africa and Central Asia (EACA),**
- **Government Official, here present,**
- **Our Development Partners,**
- **Distinguished Guests,**

Good morning.

1. It is indeed a great moment for me to join you today, at this official inauguration of the New Nzove I Water Treatment Plant, and the upgrading of Nzove II. This inauguration is yet another milestone in our vision to scale up clean water to all Rwandans.

2. I would like, first, to acknowledge the role of all Government institutions and our partners for having made this great achievement possible. I want also to thank Culligan International East Africa and Central Asia (EACA) that implemented this project.

3. The inauguration of new Nzove I Water Treatment Plant and the upgrading of Nzove II are a major milestone in providing access to clean drinking water to our citizens. This is very important for the residents of the City of Kigali who have been experiencing the shortage of clean water, especially those living in Nyamirambo and Gikondo sectors.

4. As I have mentioned, our ambition is to scale up clean water to all households. In order to attain this goal, the Government will continue to increase its investments in construction and extension of the water supply systems in the City of Kigali and other cities. This requires the involvement and commitment of both the Government and our development partners in water sector, as well as our citizens.

- **Banyakubahwa muteraniye hano,**
- **Batumirwa mwese,**

5. Nejejwe no kwifatanya namwe muri uyu muhango wo gutaha uruganda rushya rw'amazi rwa Nzove ya mbere ndetse n'imirimo yo kwagura uruganda rwa Nzove ya kabiri.

6. Nk'uko byasobanuwe neza, Nzove nshya ifite ubushobozi bwo gutanga amazi meza angana na m^3 40.000 ku munsi. Nzove ya kabiri nayo yiyongereyeho m^3 15.000 ku munsi. Ibi ni igisubizo kuri bamwe mu baturage bacu batuye Umujyi wa Kigali batajyaga bagerwaho n'amazi uko bikwiye.

7. Ndashimira inzego zose zagize uruhare muri iki gikorwa cyo kubaka uruganda rushya rwa Nzove ya mbere, n'icyo kwagura Nzove ya kabiri.

8. Uruganda rwatashywe uyu munsi ndetse n'urwaguwe, zatumye ubushobozi bw'amazi agera mu Mugi wa Kigali ku munsi bwiyongera ku buryo buhagije, nk'uko Minisitiri w'Ibikorwaremezo amaze kubisobanura. Ugereranyije n'amazi akenewe ku munsi mu Mujyi wa Kigali angana na m^3 143.668, biragaragara ko ubundi abatuye Umujyi wa Kigali bose bagombye kuba bagerwaho n'amazi.

9. Gusa siko bimeze. Zimwe mu mpamvu z'ingenzi zibitera ni imiyoboro y'amazi mito kandi ishaje. Izindi mpamvu ni uko abatuye Kigali bagenda biyongera ndetse n'ibikorwaremezo bikenera amazi bikaba bikomeza kwiyongera kubera amajyambere y'Umujyi yihuta, ari nako tubyifuza. Uko kwiyongera ariko ntikwajyanye akenshi n'ukwiyongera kw'ibikorwaremezo by'amazi akenshi bisaba umwanya munini.

10. Mu gukemura iki kibazo mu buryo burambye, nk'uko byasobanuwe neza na Minisitiri w'Ibikorwa Remezo, hatangijwe imishinga itandukanye yo kubaka, kwagura no gusana ibikorwa remezo by'amazi kugira ngo amazi agere ku baturage bose. Iyi mishinga irashimangira imbaraga nyinshi Guverinoma y'u Rwanda ikomeje gushyira mu bikorwa byo kwegereza Abanyarwanda amazi meza.

11. Muri Gahunda twihaye nka Guverinoma, dufite intego yo gukora uko dushoboye ku buryo amazi meza agera ku Banyarwanda bose. Ibi bizagerwaho hubakwa kandi hanasanwa imiyoboro y'amazi yo mu cyaro, mu migi mito, mu Mijyi yunganira Kigali, ndetse no mu Mujyi wa Kigali. Hazanongerwa kandi ingano y'amazi atunganywa ku munsi

12. Kugira ngo ibi bizagerweho, birasaba uruhare rw'inzego zose, harimo abafatanyabikorwa mu iterambere bakora mu rwego rw'amazi ndetse n'abaturage. By'umwihariko, icyo Guverinoma isaba Abanyarwanda bose, ni ukurushaho kugira uruhare mu kubungabunga ibikorwa remezo by'amazi no kuyakoresha neza. Barasabwa kandi kongera ubufatanye mu kurwanya ubujura bw'amazi kandi bakajya bishyurira igihe amazi baba bakoresheje.

13. Abagiranye na WASAC ndetse n'Uturere amasezerano yo gucunga amavomero rusange bakaba batuzuza neza inshingano zabo, turabasaba ko bagomba kuvugurura imikorere yabo. Aha tukaba tugira ngo twongere dusaba inzego z'ibanze kujya zikurikirana imitangire y'amazi, hanyuma zigahita zisimbuza abashinzwe amavomero abadakora neza.

14. Aha ndagira ngo nongere nibutse ko abashinzwe amavomero batagomba kurenza igiciro cyashyizweho ku ijerekani y'amazi. Icyo giciro kirazwi kandi kiba cyarumvikanyweho. Mboneyeho no kwibutsa ko abazazamura igiciro bagomba kujya bahanwa bikomeye kuko baba bavutsa Abanyarwanda uburenganzira bwawo bwo kubona amazi kandi Leta yarayabahaye.

15. Aha rero nkaba mboneye kwibutsa nkomeje ko aho bizagaragara ko ibiciro by'amazi bicibwa Umunyarwanda, aho yaba atuye hose, birenze ibyemejwe, hazajya habanza kubazwa inzego z'ibanze zitabivuze ngo bikemurwe. Aha rwose turakangurira ubuyobozi bw'Utugari n'ubw'Imidugudu gutanga raporo ijyanye n'aho ibiciro by'amazi binyuranya n'iby'amabwiriza aba yarashyizweho cyangwa n'abafungira abaturage amazi kandi amazi ubwayo atabuze. Inzego z'ibanze nizumve ko iyo Leta ihaye abaturage amazi, nazo zigomba gukurikirana uko asaranganywa ndetse n'uko ibiciro byubahirizwa.

16. Mboneyeho kandi gusaba abashinzwe za "Water Board" ko bakomeza kuvugurura imikorere yabo, kuko hari hamwe na hamwe byagaragaye ko bafungira amazi abaturage bitari ngombwa, ahandi bakongera ibiciro, ndetse hakaba n'aho bagaragaza imikorere mibi isa n'aho irimo ruswa. Aho ntabwo ari henshi ariko hari hake byagiye bigaragara, ariko tukaba twifuza ko nta na hake byakabaye bigaragara. Ibi rero bikaba bigomba gukosorwa aho byagaragaye hose.

17. Aha kandi nkaba nibutsa abakozi ba WASAC ko bagomba gukomeza kugaragaza ubunyangamugayo, kuko hari hamwe na bamwe byagaragaye ko bagira uruhare mu bikorwa bidashimishije. Abo nabo ni bake cyane kubera ko ubusanzwe abakozi ba WASAC bagiye bagaragaza ubunyangamugayo mu byo bakora byose ndetse n'ibikorwa dutaha uyu munsi bakaba baradufashije mu kubikurikirana. Abo bake cyane bashobora kubangiriza isura badufashe tubakosore.

18. Ntabwo ari henshi, ariko hari aho bamwe muri bo bafatiwe mu bikorwa nk'ibyo. Nkaba rero nkomeza gushimira ubuyobozi bwa WASAC na MININFRA bakomeje gufatanya mu kurwanya iyo myitwarire mibi.

19. Ndagira ngo rero nongere kwizeza Abanyarwanda ko Guverinoma izakomeza gushyira imbaraga mu kunoza serivisi z'amazi iha Abanyarwanda.

20. Ijambo ryanjye nifuzaga kurihinira aha. Nongeye gushimira inzego zose zagize uruhare muri iki gikorwa cyo kubaka uru ruganda rushya rw'amazi rwa Nzove ya mbere no kwagura uruganda rwa Nzove ya kabiri. Nshimiye kandi namwe mwese mwitabiriye uyu muhango.

21. Muri uyu mwanya, ndagira ngo ntangaze ku ko mfunguye ku mugaragaro uruganda rushya rwa Nzove ya mbere ndetse n'uruganda rwaguwe rwa Nzove ya kabiri.

Ndabashimiye.